

**IKINYARWANDA**

**PK**

13/11/2018 1.30PM-3.30PM

**REB**

**Rwanda Education Board**

**Inomero yuzuye y'umunyeshuri**

*Intara/ Akarere Umurenge Ishuri Umunyeshuri Umwaka Umujyi*

□□	□□	□□	□□	□□□	□□□□
----	----	----	----	-----	------

**Amazina y'umunyeshuri:**

**Izina ryawe bwite:**.....

**Andi mazina yawe:** .....

**Ikitonderwa:**

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE  
**BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BIGARAGARA  
KURI "REGISTRATION FORM".

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA, 2018**

**IKINYARWANDA**

**Igihe kimara: Amasaha abiri**

**Amanota:**

/100
------

**AMABWIRIZA :**

- 1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
- 2) Ikizamini kigizwe **n'ibibazo 25**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose ahari.
- 3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

- **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota21)**
- **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota36.5)**
- **Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 27.5)**
- **Igice cya kane: Ihangamwandiko (amanota 15)**

- 4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- 5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwanko gukopera.
- 6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
- 7) Ukurikize amabwiriza ari kubibazo.
- 8) Koresha gusa ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara**.

## INANASI

Inanasi ni rumwe mu mbuto zatangiye guhingwa mu myaka yakera cyane. Amateka avuga ko zavumbuwe mu birwa bya Hawayi (Hawaii) mu mwaka wa 1493. Gusa kuri ubu zihingwa cyane muri Burezili (Brésil) na Paragwe (Paraguay). Mu Rwanda na ho ubuhinzi bwazo bumaze gutera imbere. Uru rubuto rufite akamaro kanini mu mubiri wacu nk'uko tugiye kubibona.

Inanasi ni urubuto rwiza kandi ruryohera buri wese runafite imimaro myinshi kubuzima bw'umuntu. Bityo rero, ntiyakagombye kubura mu mafunguro ya burimunsi. Inanasi ikungahaye ku ntungamubiri ifite akamaro gakomeye cyane yitwa Buromelini (Broméline). Ikaba mo kandi vitamini C n'umunyu ngugu wa Manganzezi (Manganèse). Inanasi ibonekamo isukari ituma kenshi abayirya bakurikirana uburyohe bwayo no kuba igira amazi menshi.

Nk'uko twabibonye haruguru, inanasi ibamo Buromelini ituma ibisebe bikira vuba kandi ikarinda kubyimbirwa. Kurya inanasi mu gihe urwaye byo bisebe bikurinda kubyimbirwa ndetse bikagabanya n'ububabare. Iyi Buromelini kandi usibye kurinda umubiri kubyimbirwa izwiho no kuba irinda umubiri gufobagana. Kubyimbirwa bikabije bigirana isano nakanseri niyo mpamvu ururubuto runazwiho kurwanya kanseri.

Ibonekamo kandi vitamini C ifasha umubiri kuringaniza urugero rw'ubukonje mu mubiri ndetse ikarinda ubudahangarwa bw'umubiri. Inanasi kandi nk'uko twabibonye ibamo umunyu ngugu wa Manganzezi ufasha umubiri kugira amagufwa akomeye. Ufasha kandi kubungabunga amagufwa kubantu bashaje, ukanatuma uruhu rusaneza.

Inanasi kandi ifasha kuringaniza urugero rw'isukari mu mubiri. Ururubuto ni ingenzi mu igogorwa ry'ibyokurya. Umuntu urya inanasi kenshi aba arimo kwirinda ibibazo bishobora guturuka ku igogorwa ridakorwa neza. Inanasi ifasha ingingo gukomera ndetse ikanarinda uburibwe mu ngingo bwahato nahato. Mu gihe abantu batari bake usanga bataka indwara z'amenyo, umuntu ukunda kugira inanasi mu mbuto afata bimurinda izindi ndwara kuko ifasha mu gukomeza amenyo.

Kurya inanasi nyinshi kimwe no kunywa umutobe wayo mwinshi si byiza. Bifite ngaruka zo gutera impiswi no kuruka. Niyo mpamvu agasate kamwe kumunsi ni ukuvuga kimwe cyakane cyayo (1/4) gahagije. Kurya inanasi idahiye neza bitera ibibazo mu gifu, ni uburozi butuma ibyo wariye ntacyo bikumarira kuko igifu kinanirwa kvanamo intungamubiri. Bitewe n'uko irimo aside (acide) ishobora gutera ibibazo mu igogorwa sibyiza guha inanasi umwana urimunsi y'umwaka. Kubagore batwite sibyiza kuyirya kubwinshi, agasate gato karahagije. Byaragaragaye ko buromelini ibamo iyo ibaye nyinshi ishobora gutera ibibazo kunda atwite.

Ku bantu barigufata imiti imwe n'imwe ntibyemewe kurya inanasi. Kuyirya byongera ingaruka ziterwa n'iyimiti. Ku bafata imiti ibuzza amaraso kuvura nabo ntibyemewe kurya inanasi kuko nayo ibuzza amaraso kuvura. Ni nayo mpamvu bitemewe kuyirya hasigaye ibyumweru bibiri ngo ubagwe. Inanasi ifite igipimo

cy'isukari cya 56%. Niyo mpamvu umurwayi wa diyabete yemerewe kuryaho gato, mu gihe ntabyongera isukari bindi yariye.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (Amanota 21)**

1) Inanasi yaba yaratangiye guhingwa mu kihe kinyejana? **(inota 1)**

.....

2) Inanasi yatangiye guhingwa mu kihe gihugu? **(inota 1)**

.....

3) Ni hehe inanasi zihingwa cyane muri iki gihe? **(amanota 2)**

.....

4) Erekanaga imimaro ibiri inanasi yamarira umuhinzi wayo ? **(amanota 2)**

.....

.....

5) (a) Erekanaga intungamubiri eshatu dusanga mu nanasi. **(amanota 3)**

.....

.....

(b) Izo ntungamubiri zimarira iki umubiri ? **(amanota 3)**

.....

.....

6) Sobanura ukuntu kurya inanasi birinda kanseri. **(amanota 2)**

.....

.....

.....

7) Ni abahe bantu batemerewe kurya inanasi (byibuze ingeri ebyiri z'abantu)? **(amanota 2)**

.....

.....

8) Ni izihe ngaruka zo kurya inanasi idahiye neza ? **(inota 1)**

.....

9) Simbuza amagambo ari mu dukubo andi bisobanura kimwe ari mu mwandiko. **(amanota 4)**

(a) Afurika yacu (ikize) kumabuye y'agaciro menshi.

.....  
(b) Hari indwara nyinshi zishobora (gukomoka) kukudakaraba intoki.  
.....

(c) Si ngombwa ko umukozi asiga akazi (burikanya) agiye muri gahundaze.  
.....

(d) (Birabujijwe)kugaburira umwana utarageza umwaka inanasi kuko yamugwanabi.  
.....

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO**

**(Amanota36.5)**

10) Andika interuro ngufi ukoreshemo ubwoko bw'amagambo bukurikira:

**(amanota 5)**

**Ikitonderwa:** Buri bwoko bw'ijambo kwasabwe bukoreshwa mu nteruro imwe gusa.

(a) Ntera:  
.....

(b) Igisantera:  
.....

(c) Izinantera:  
.....

(d) Umugereka w'igihe :  
.....

(e) Inshinga :  
.....

11) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo:

**(amanota 5)**

(a) Buromeline ituma ibisebe bikira vuba.  
.....  
.....

(b) Inanasi ni urubuto rwiza kimwe n'izindi mbuto ziribwa.  
.....  
.....

12) Andika interuro ngufi zirimo amagambo ari mu nteko zikurikira: **(amanota5)**

**Ikitonderwa:** Ijambo rimwe mu nteruro ryo mu nteko wahawe rirahagije.

(a) Inteko ya 14:  
.....

(b) Inteko ya 5:

(c) Inteko ya 12:

(d) Inteko ya 3:

(e) Inteko ya 10:

13) Andika inteko z'amagambo aciyeho umurongo:

**(amanota 4)**

(a) Inanasi ifitiye umubiri wacu akamaro kanini.

(b) Buromeline ituma ibisebe bikira vuba.

(c) Inanasi zikunda ubutaka buteguwe neza.

14) Garagaza uturemajambo tw'amagambo aciyeho umurongo  
n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine):

**(amanota 6.5)**

(a) Ni byiza kurya imbuto zihishije neza.

(b) Dukwiye kurya inanasi kubera impamvu nyinshi.

(c) Inanasi ntabwo zigira inzuzi nk'ibihaza.

15) Andika imimaro y'amagambo aciyeho umurongo:

**(amanita 3)**

(a) Hariga abahungu bonyine.

(b) Kamari na Karisa bahinze umurima w'inanasi.

16) Andika interuro ngufi z'ubwoko bukurikira: **(amanota 4)**

(a) Interuro ihamya.  
.....

(b) Interuro ibaza.  
.....

(c) Interuro itangara.  
.....

(d) Interuro itegeka.  
.....

17) Inshinga zo mu nteruro zikurikira zifite izihe ngiro? **(amanota 2)**

(a) Abanyeshuri barakora ikizamini.  
.....

(b) Gakire arikunda birenze urugero.  
.....

18) Shyira iyi nteruro mu bindi bihe bikuru by'inshinga. **(amanota 2)**

Inanasi ifasha kuringaniza isukari mu mubiri.  
.....  
.....

**- IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (Amanota 27.5)**

19) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwe sakwe! **(amanota 5)**

(a) Rukara rw'umwami yicariye abagabo batatu!  
.....

(b) Ariya mabuye yarubarabara wayabara ukayarangiza!  
.....

(c) Mpagaze ino aha ndasa kwa Myasiro i Burundi!  
.....

(d) Biteganye bitazahura!  
.....

(e) Ngiye guhamba sogokuru agaruka ankurikiye!  
.....

20) Uzuzura iyi migenurano: **(amanota 5)**

(a) Ijoro rimwe.....

(b) .....intebe rimwe.

(c) Imihini mishya.....

(d) .....ishonda umukara.

(e) Isuri isambira byinshi.....

- 21) Simbuza amagambo ari mu dukubo amagambo yabugenewe **(amanota5)**
- (a) Kabanyana arimo (gusuka amata) mu gisabo.  
.....
- (b) Gahungu amaze (gushyira uruhu kungoma).  
.....
- (c) Twabyutse mu gitondo cyakare imisambi itangiye (kuvuga).  
.....
- (d) Serufigi yaguye gitumo impyisi ziri mu (ntaho yazo.)  
.....
- (e) Numvise ijeri (rivugira) mu mfuruka hariya.  
.....

- 22) Huza izi nshobera mahanga n'ibisobanuro byazo: **(amanota 5)**
- |                             |  |
|-----------------------------|--|
| Gukomeza umutsi             | Kwibuka gukora ikintu ntacyo ukiramira     |
| Gupfa agasoni               | Kwihangana                                 |
| Kuba mu mazi abira          | Kumuhimbira ibintu bibi kandi bitari ukuri |
| Kwibu ka ibitereko washeshe | Kugirira umuntu impuhwe                    |
| Kubika undi ho urusyo       | Kugera mu byago byinshi                    |

- 23) Gahigi afite abana babiri Gatera na Keza. Mushiki we Mukandorina we afite babiri Kanyana na Gasore. **(amanota 3)**

- (a) Kanyana na Gasore bafitanye iyihe sano na Gahigi?  
.....
- (b) Keza afitanye iyihe sano na Kanyana?  
.....
- (c) Gatera na Keza bafitanye iyihe sano na Mukandori?  
.....
- (d) Koresha igihekanе « njw » mu nteruro ebyiri ngufi. **(amanota 2)**  
.....

- 24) Kosora izi nteruro ahozanditse nabi: **(amanota 2.5)**

- (a) Kabano yatangiye kworora ibishuhe mu kwezi kwa kamena umwaka ushize.  
.....
- (b) Njye nkunda umuntu ufite icyerekezo kizima.  
.....

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO**

**(Amanota 15)**

- 25) Hanga umwandiko utarimuni y'imirongo 15 kunsanganyamatsiko ikurikira "Akamaro k'ubuhinzi bw'imbutu ziribwa mu muryango" ugaragaza byibura ingingo enye (4) zishyigikira ibitekerezo byawe.

**Ikitonderwa :** Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ariwo wese kuri iki kibazo k'ihangamwandiko.